UMURAVA

Ukoranye umurava ayobora abandi ; naho umunebwe ntazigera atera imbere.

IHAME RY' ICYUMWERU

(Muri iki gihe umurimo ufatwa nki jambo ribi, dushaka) X2, dushaka Muri iki gihe umurimo ufatwa nki jambo ribi, dushaka ko twakora ibintu byose. Gukorana umurava ni kimwe mu biranga umukozi nyawe. Ni byo bitugeza ku ntinzi mu buzima tubayemo, imiryango tuvukamo ndetse ni gihugu cyacu. Abakozi beza bahora bashishikajwe ni umusaruro hamwe ni reme ry' umurimo bakora. Babera inkingi ya gaciro ku bigo bakorera, kuko batanga umusaruro kandi basohoza ibyo batangiye. Intumbero y' umunyamurava ihora itekereza ku intego; bashakisha uburyo bishobora gukorwa vuba kandi neza. Ibi rero bikabahesha kuzamuka mu ntera, nuko vuba bidatinze bakayobora abandi. Abakozi bagira umurava bagira imyumvira myiza kandi bishimira ibyo bagezeho.

Abakozi bu murava bafata akazi kabo nki amahirwe yo kwiga barushaho kwiyongera ubushobozi bwabo. Ntibakorera umushahara gusa, ahubwo bereba ejo hazaza. Abakorera amafaranga gusa ntibakunze gutera kunyurwa ni umurimo bakora. Ni ukuvuga hari imitwarire ibiri tugomba kwirinda:

1. Ubunebwe – ubunebwe butungwa no kumunga, ntacyo bwigezaho, usibye kurya imitsi ya bandi. Mu gihe twemereye ubunebwe mu buzima bwacu tuba dufunze imigisha yacu yose.
2. Gukunda amafaranga birenze - aha turavuga abakunda gukira batavunitse. Abo iyi ngeso yamaze kokama ikunze kubaroha mu nzira zidafututse nko gukina urusimbi, umutego w' intumbero idakomeye, kuriganya abandi, gutanga ruswa hamwe ni bindi bikorwa bitemewe ni amategeko.

Mu gihe twicaye ubusa cyangwa ngo tugire inshingano, tuzahora twigizwa ku ruhande. Iyo twihaye agaciro abandi nabo baduha icyubahiro. Umubano yose ishingiye ku kazi haba mu bantu. Korana umurava maze ugaragarire abandi , iyo ukoze ibyo abandi banze icyo gihe uzaba umuyobozi , bityo tuzaba twiyubakiye izina aho tubarizwa. Iyo dukorana umurava tuzabishimirwa kandi duhabwe , agaciro. Kandi ni abandi bazashyigikira izina ryacu. Indangagaciro z' imirimo myiza ni bimwe mu bifasha kubaka igihugu, ariko mw' isi ya none ntabwo twemerewe gufasha abandi umurimo utari mu snhingano zacu. Ahubwo twifuza gukora gake tubone byinshi, kandi mu gihe gito, inyungu nyinshi, ibiruhuko birebire, ndetse. Muri make ntidukunda kuvunika, ariko amafaranga ahore yikuba. My byukuri twatakaje umutungo ukomeye, gukunda umurimo. Imfashanyo tugenerwa zatumye bamwe baba abanebwe. Ubusanzwe zigomba gufasha abantu igihe gito gusa, ntibagomba kubigira amaramuko.

INYUNGU

1. Icyizere - dushobora kubona umwanya ukomeye mu buzima ariko keretse twakoranye umurava. Abakoresha buri gihe bakurikiranira hafi umukozi mwiza kandi agafatwa neza.
2. Umutungo- iyo dukomeje kwiha agaciro ari nako twongera umusaruro wacu, amaherezo umutungo wacu ugenda ugwira gahoro gahoro.
3. Ibyishimo- akenshi tugira umunezero iyo tubonye imbuto z' imirimo yacu. Icyo gihe tuzagira akanyamuneza kandi twubake izina ryo kuba umukozi ufite umurava.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Kurangwa ni umurava - fatirana amahirwe ashoboka. Igaragaze ku mirimo ishoboka ndetse ushishikare ni amahiganwa. Wirinda ubute cyangwa ingeso yo gusubika.
2. Gera aho wifuza - hora ushishikajwe no kujya mbere utaruhuka kugeza ubonye umusaruro ufite ireme. Itoze gukora neza kandi ukore utikoresheje, ari nako wiha agaciro.
3. Gukora utabera- mu gihe ukorera abandi kora utikoresha ahubwo kora nkaho akazi ari akawe,

Inzira ni imikorere yo UMURAVA

witanga uko bushoboye. Mu gihe ubikoze, uzaba uri impfura kandi uzaba nawe wikoreye.

4. Rangwa ni ubupfura- igihe cyose kya ukora urenza ibikenewe, ushyiraho akarusho. Zirikana ko ubuntu ntibumwa ni bigombwa gukorwa; ahubwo bugaragazwa ni byo wakoze. Iyo ukoze ibicagase, uba wifungiye imigisha.
5. Hanga udushya- igihe cyose ujye wibaza, " ese ni gute nakora neza birushijeho, vuba kandi mu bwenge?" bikorane ubuhanga! Iyo usabwa guhanga udushya, icyo gihe ibyo ukora bizikuba.
6. Tera imbere- kamere yawe uzayirema bushyashya uri mu kazi/ umurimo. Gira imyumvire yagutse ivuga akamaro k' umurimo. Umurimo utuma uhahira umuryango ndetse ni abandi; iyo utanga ibitekerezo cyangwa ukorera abandi, uba witeza imbere mu buzima. Mu byukuri iyo wabishobo ndetse ni abandi; iyo utanga ibitekerezo cyangwa ukorera abandi, uba witeza imbere mu buzima. Mu byukuri iyo wabishobora ugenda uzamurwa mu ntera. Umurimo si ugukora no gutegereza umushahara gusa, ahubwo ni amahirwe yo kwiteza imbere none ndetse ni ejo hazaza.

Gukorana umurava ni umuco mwiza ukwiye kurangwa hagati muri twe ndetse ni igihugu. Gukorana umurava bifitanye isano ni umusaruro, ireme ndetse ni ubuhanga.

Kugirango uhinduke, fata iri hame maze urigire akamenyero ugamije guhindura kamere yawe. Niba ushaka ejo hazaza heza, uzarangwe ni umurava.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ukora ibyo wabajijwe gusa cyangwa ukora ibirenze ibyo bakwifuzwaho?
2. Ese ushishikazwa cyane ni byo uhembwa kurusha icyo urimo kwiga?
3. Ese wifuza gukora ndetse ugahabwa ni nsingano?
4. Waba ugenzwa ni umushahara gusa, cyangwa se ugenzwa ni ikindi kirenze? Ese cyaba ari iki?
5. Ese wumva gukorana umurava bisobanuye iki?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			